

REPUBURIKA Y'URWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE

ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RP/ECON00012/2021/TGI/NYGE GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA WATOROTSE UBUTABERA KURWITABA

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 22 w'Ukwezi kw'UKWAKIRA;

Twebwe, MACUMU S. Xavier; HAKIZIMANA Jean Claude na HIRWA Faustin, abacamanza mu Rukiko rwisumbuye rwa NYARUGENGE bagize inteko iburanisha, dufashijwe na MUTABARUKA Alexandre, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko hari urubanza RP/ECON 00012/2021/TGI/NYGE Ubushinjacyaha buregamo SUBHASH SENGUPTA CHANDRA na KALTAPARU POWER TRANSMISSION LTD icyaha cyo gutanga indonke ngo hakorwe ikinyuranyije n'amategeko ndetse n'icy'inyandiko mpimbano cyangwa itavuga ibirimo ukuri, kandi bararezwe nk'abatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo za 160-163 z'itegeko N° 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y' Imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko SUBHASH SENGUPTA CHANDRA na KALTAPARU POWER TRANSMISSION LTD bazitaba Urukiko rwisumbuye rwa NYARUGENGE kuwa 29/07/2022 saa mbiri za mugitondo (8h00) kugira ngo baburanishwe kuri urwo rubanza barezwemo, baramuka batitabye nta mpamvu zifatika hakomezwa ko basuzuguye amategeko, bagacirwa urubanza badahari;

Dutegetse ko mu gihe cy'iminsi umunani (8) iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga; ndetse kigashyirwa n'ahamanikwa amatangazo ku Cyicaro cy'Urukiko rwisumbuye rwa NYARUGENGE no ku Karere ka NYARUGENGE;

NI UKO ICYEMEZO GIFASHWE N'URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE KU MUNSI, UKWEZI N'UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU;

ABACAMANZA

MACUMU S. Xavier /SE/

HAKIZIMANA Jean Claude /SE/

HIRWA Faustin /SE/

UMWANDITSI

MUTABARUKA Alexandre

/SE/

Copie certifiée conforme à l'original

Alexandre MUTABARUKA Alexandre